# ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

## Itangazo

Institut Seth Sendashonga iramenyesha abantu bose ko gahunda y'isabukuru y'imyaka 25 Seth Sendashonga amaze yishwe izaba tariki ya **20 Gicurasi 2023** guhera saa munani kugera saa kumi n'ebyiri za nimugoroba kuri adresse ikurikira : **Rue Washington 40, 1050 Ixelles (Bruxelles)**. Ni hafi y'umuhanda uzwi cyane witwa Avenue Louise, hirya gato ya place du châtelain.

Nk'uko byasobanuwe mbere hateganijwe kumurika igitabo « **U Rwanda mu gihirahiro, Twubakire amahoro arambye ku masomo y'amateka** ». Muri urwo rwego bamwe mu mpuguke zagize uruhare mu bwanditsi bw'icyo gitabo bazatanga ibiganiro mbwirwaruhame ku ngingo zikurikira :


1) Hashize imyaka 70 ubuhake, uburetwa, ikiboko n'ikoro biciwe mu Rwanda (Karoli Ndereyehe Ntahontuye);
2) Impaka ku kibazo cy'amoko n'akarengane mu Rwanda zabimburiye impinduramatwara yo mu 1959 (Karoli Karemano);
3) Umwaka wa 1973 mu Rwanda (Dr Farasisisko Saveri Munyarugerero);
4) Amasezerano ya Arusha : Amahirwe yaburijwemo (Dr Theogene Rudasingwa);
5) Agata Uwiligiyimana : urugendo rw'umunyarwandakazi rukumbi wabaye Ministiri w'intebe (Clarisse Mukundente Kayisire).

Nyuma y'ibiganiro hazaba umwanya wo kwica akanyota, bikazarangira saa mbiri z'ijoro.

Institut Seth Sendashonga iboneyeho gushishikariza ababishoboye bose kuzaza kumva ibyo biganiro bigamije gufasha abanyarwanda gusubiza amaso inyuma bakareba urugendo igihugu cyacu cyanyuzemo mu myaka 70 ishize.

Murakaza neza.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 12/05/2023
Jean-Claude Kabagema,
Perezida wa ISCID asbl



ISCID asbl
Avenue de l'Exposition 460/17
1090 Jette, Belgique
www.institut-sethsendashonga.org